

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

A. Amabwiriza Rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda/ Regulation of the National Bank of Rwanda / Règlement de la Banque Nationale du Rwanda

N°001/ 2015 yo kuwa 28 /01/2015

Amabwiriza Rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda ashya mu bikorwa Itegeko n°16/2010 ryo kuwa 07/05/2010 rigena uburyo bw'iherekanyamakuru ku myenda mu Rwanda.....2

N° 001/2015 of 28/01/2015

Regulation of the National Bank of Rwanda implementing the Law n° 16/2010 of 07/05/2010 governing credit information system in Rwanda.....2

N°001/2015 du 28/01/2015

Règlement de la Banque Nationale du Rwanda portant la mise en application de la Loi n°16/2010 du 07/05/2010 régissant le système de gestion d'information sur le crédit au Rwanda.....2

B. Umuryango ushingiyeye ku idini / Religious Based Organization / Organisation fondée sur la Religion

- Amategeko Shingiro ya Mission Restore International (MRI) & Prayer Palace Church (PPC).....76
- Mission Restore International (MRI) & Prayer Palace Church Constitution (PPC).....76
- Statuts de Mission Restore International (MRI) & Prayer Palace Church (PPC).....76

C. Guhabwa ubwenehugu nyarwanda

Godfrey SEKYONDWA.....92

D. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

RADCO.....93

IMCN.....94

IKOZAMUBU.....95

TUZAMURANE RURAMIRA.....96

COEMOTRA.....97

TWITEGANYIRIZE KAGEYO.....98

DUTERANINKUNGA MU BUZIMA.....99

TURWANYE NYAKATSI.....100

AMABWIRIZA RUSANGE N°001/ 2015
YO KUWA 28 /01/2015 YA BANKI NKURU
Y'U RWANDA ASHYIRA MU BIKORWA
ITEGEKO N°16/2010 RYO KUWA
7/05/2010 RIGENA UBURYO
BW 'IHEREREKANYAMAKURU KU
MYENDA MU RWANDA

REGULATION N° 001/2015 OF 28/01/2015
OF THE NATIONAL BANK OF
RWANDA IMPLEMENTING THE LAW
N° 16/2010 OF 7/05/2010 GOVERNING
CREDIT INFORMATION SYSTEM IN
RWANDA

RÈGLEMENT N°001/2015 DU
28/01/2015 DE LA BANQUE
NATIONALE DU RWANDA
PORTANT LA MISE EN
APPLICATION DE LA LOI
N°16/2010 DU 7/05/2010 REGISSANT
LE SYSTEME DE GESTION
D'INFORMATION SUR LE CREDIT
AU RWANDA

IRIBURIRO

PREAMBLE

PRÉAMBULE

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya 1: icyo aya mabwiriza rusange
agamije

Article 1: Purpose of this regulation

Article 1: Objet du présent règlement

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: Ibyangombwa bisabwa mu
kwemererwa gukora imirimo
y'iherekanyamakuru ku myenda

Article 3: Requirements for license
application to operate credit bureau
activities

Article 3: Conditions de demande
d'octroi d'agrément d'opérer les
activités du bureau de crédit

UMUTWE WA II: GUSABA
KWEMERERWA GUKORA IMIRIMO
Y'IHEREREKANYAMAKURU KU
MYENDA

CHAPTER II: LICENSE APPLICATION
FOR CREDIT BUREAU ACTIVITIES

CHAPITRE II : DEMANDE
D'AGREMENT D'EXERCER DES
ACTIVITES DU BUREAU DE
CREDIT

Ingingo ya 4: Ibyangombwa n'andi makuru
bisabwa mbere yo kwemererwa

Article 4: Required documents and
information for licensing

Article 4: Documents et information
requis pour demande d'agrément

Ingingo ya 5: Uburyo ubusabe butangwa
Ingingo ya 6: Gutanga icyemezo

Article 5: Processing of application
Article 6: Granting of License

Article 5: Traitement de la demande
Article 6: Octroi d'agrément

Ingingo ya 7: Igihe uruhushya rwo gukora
rumara

Article 7: Validity of license

Article 7: Validité de d'agrément

<u>Ingingo ya 8:</u> Amafaranga y'igenzura ya buri mwaka	<u>Article 8:</u> Annual supervision fee	<u>Article 8 :</u> Frais annuel de supervision
<u>Ingingo ya 9:</u> Imigabane n'Ubuyobozi	<u>Article9:</u> Shareholding and Management	<u>Article 9 :</u> Actionariat et Direction
<u>Ingingo ya 10:</u> Ikurwaho cyangwa ihagarikwa ry'agateganyo by'uruhushya rwo gukora rw'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda	<u>Article 10:</u> Revocation or suspension of credit bureau license	<u>Article 10 :</u> De la révocation ou suspension d'un agrément d'un bureau de crédit
<u>UMUTWE WA III:</u> UBURENGANZIRA BW'UMUKIRIYA KU MAKURU AFITWE N'IKIGO CY'IHEREREKANYAMAKURU KU MYENDA	<u>CHAPTER III:</u> CUSTOMER'S RIGHT ON INFORMATION MAINTAINED BY ACREDIT BUREAU	<u>CHAPITRE III :</u> DROIT DU CLIENT SUR L'INFORMATION ENREGISTREE DANS LA BASE DES DONNEES D'UN BUREAU DE CREDIT
<u>Ingingo ya 11:</u> Uburenganzira bw'umukiriya bwo kubona amakuru	<u>Article 11:</u> Customer's right to access information	<u>Article 11 :</u> Droit du client d'accéder à l'information
<u>Ingingo ya 12:</u> Uburyo umukiriya agomba gukurikiza mu gusaba ko amakuru ye akosorwa	<u>Article 12:</u> Modalities to be followed by customer to review his/her/ its information	<u>Article 12 :</u> Modalités à suivre par le client pour avoir ses informations revues
<u>Ingingo ya 13:</u> Gusubira mu iperereza ry'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda bikoze na Banki Nkuru	<u>Article 13:</u> Review of the credit bureau investigation by the Central Bank	<u>Article 13 :</u> Réexamen de l'enquête du bureau de crédit par la Banque Centrale
<u>Ingingo ya 14:</u> Iperereza ridasanzwe	<u>Article 14:</u> Special investigation	<u>Article 14 :</u> Enquête spéciale
<u>Ingingo ya 15:</u> Ikiguzi cy'iperereza ridasanzwe ryakozwe n'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda	<u>Article 15:</u> Cost for special investigation carried out by the credit bureau	<u>Article 15 :</u> Coûts d'enquête spéciale effectuée par le bureau de crédit
<u>Ingingo ya 16:</u> Kwishyura iperereza ridasanzwe	<u>Article 16:</u> Payment of the cost for special investigation	<u>Article 16 :</u> Paiement du coût pour l'enquête special
<u>UMUTWE WA IV:</u> IBISABWA MU GUTANGA RAPORO	<u>CHAPTER IV:</u> REPORTING REQUIREMENTS	<u>CHAPITRE IV :</u> DES CONDITIONS DE REPORTAGE

Ingingo ya 17: Amahame rusange agenga gutanga raporo ku myenda

Article 17: General principle for credit reporting

Article 17 : Principe général pour le rapport de crédit

Ingingo ya 18: Amakuru Banki Nkuru asaba Ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda cyemewe.

Article 18: Required information to be submitted to the Central Bank by the licensed credit bureau

Article 18 : L'information requise devant être soumise à la Banque Centrale par le bureau de crédit agréé

Ingingo ya 19: Igihe cyo gutanga raporo

Article 19: Reporting period

Article 19 : Période de reportage

Ingingo ya 20: Uburyo bwo gutanga raporo y'amakuru

Article 20: Mode of submission of information

Article 20 : Mode de transmission d'information

Ingingo ya 21: Amakuru asabwa ibigo bitanga amakuru ashyikirizwa ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda

Article 21: Required information to be submitted to the credit bureau by data providers

Article 21 : L'information devant être transmise au bureau de crédit par des fournisseurs d'information

UMUTWE WA V: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUYOBOZI N'AMAFARANGA

CHAPTER V: ADMINISTRATIVE AND PECUNIARY SANCTIONS

CHAPITRE V: SANCTIONS ADMINISTRATIVES ET PECUNIAIRES

Ingingo ya 22: Ibihano byo mu rwego rw'ubuyobozi ku bagize inama y'ubuyobozi n'abayobozi b'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda

Article 22: Administrative sanctions to directors and managers of the credit bureau

Article 22: Des sanctions administratives aux administrateurs et dirigeants du bureau de crédit

Ingingo ya 23: Ibihano by'amafaranga acibwa ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda

Article 23: Pecuniary sanctions applied to the credit bureau

Article 23 : Des sanctions pécuniaires applicables au bureau de crédit

Ingingo ya 24: Kubuzwa gukora nta ruhushya

Article 24: Prohibition to operate without a license

Article 24 : Interdiction d'exercer des activités du bureau de crédit sans agreement

Ingingo ya 25: ibihano by'amafaranga acibwa ikigo gitanga amakuru

Article 25: Pecuniary sanctions applied to the data provider

Article 25 : Les sanctions pécuniaires applicables au fournisseur d'information

Ingingo ya 26: Uburyo bwo kwishyura amafaranga y'ibihano

Article 26: Mode of payment of penalty fees

Article 26 : Mode de paiement des frais de pénalité

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'izindi ngingo

Article 27: Repealing provision

Article 27 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 28: Gutangira kubahiriza aya mabwiriza rusange

Article 28: Commencement

Article 28 : Entrée en vigueur

AMABWIRIZA RUSANGE N° 001/ 2015 YO KUWA 28/01/2015 YA BANKI NKURU Y’U RWANDA ASHYIRA MU BIKORWA ITEGEKO N° 16/2010 RYO KUWA 7/05/2010 RIGENA UBURYO BW’IHEREREKANYAMAKURU KU MYENDA MU RWANDA

REGULATION N°001/2015 OF 28/01/2015 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA IMPLEMENTING THE LAW N° 16/2010 OF 7/05/2010 GOVERNING CREDIT INFORMATION SYSTEM IN RWANDA

RÈGLEMENT N°001/2015 DU 28/01/2015 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA PORTANT LA MISE EN APPLICATION DE LA LOI N° 16/2010 DU 7/05/2010 REGISSANT LE SYSTEME DE GESTION D'INFORMATION SUR LE CREDIT AU RWANDA

Iriburiro

Ishingiye ku Itegeko N° 55/2007 ryo kuwa 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y’u Rwanda cyane cyane mu ngingo za 5, 6, 53, 56 na 57;

Ishingiye ku Itegeko N° 16/2010 ryo kuwa 7/05/2010 rigena uburyo bw’ihererekanyamakuru ku myenda mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo 6, 8, 9, 18, 24, 30, 31, 36 na 38.

Banki Nkuru y’u Rwanda, mu magambo akurikira yitwa «Banki Nkuru», itegetse:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya 1: icyo aya mabwiriza rusange agamije

Aya mabwiriza rusange agamije gushyira mu bikorwa ku buryo bwuzuye Itegeko n° 16/2010 ryo kuwa 7/05/2010 rigena uburyo bw’ihererekanyamakuru ku myenda mu Rwanda.

Preamble

Pursuant to Law N° 55/2007 of 30/11/2007 governing the Central Bank of Rwanda, especially in Articles 5, 6, 53, 56 and 57;

Pursuant to Law N° 16/2010 of 7/05/2010 governing Credit Information System in Rwanda, especially in articles 6, 8, 9, 18, 24, 30; 31, 36 and 38.

The National Bank of Rwanda, hereinafter referred to as “ Central Bank”, decrees:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article 1: Purpose of this regulation

This regulation aims at fully implementing the Law n° 16/2010 of 7/05/2010 governing Credit Information System in Rwanda.

Préambule

Vu loi N° 55/2007 du 30/11/2007 régissant la Banque Nationale du Rwanda particulièrement en ses Articles 5, 6, 53, 56 et 57;

Vu la loi N° 16/2010 du 7/05/2010 régissant le Système de Gestion d’Information sur le Crédit au Rwanda, particulièrement en ses articles 6, 8, 9, 18, 24, 30; 31, 36 et 38.

La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée «la Banque Centrale», édicte:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article 1: Objet du présent règlement

Ce règlement a pour objet de mettre en application de manière tout entière la loi n°16/2010 du 7/05/2010 régissant le Système de Gestion d’Information sur le

Crédit au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza rusange, keretse aho bivuzwe ukundi, amagambo akurikira asobanura:

- 1. Amakuru y'ukuri:** Amakuru adafite amakosa, yizewe, yuzuye kandi agendanye n'igihe.
- 2. Raporo itishyurwa y'amakuru ku myenda:** Raporo ikubiyemo amakuru ku myenda itangwa n'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda, nta kiguzi.
- 3. Amakuru atangwa mu gihe :** Amakuru ahabwa abayakoresha mu buryo bukwiye akabafasha kurangiza inshingano zabo hatabaye ubukererwe.
- 4. Umuyobozi:** Ni umuntu ufite ububasha bwo gufata ibyemezo kandi akaba umwe mu bagize komite nyobozi y'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda.
- 5. Umunyamigabane ufite uruhare runini:** Umunyamigabane ufite mu kigo cy'iherekanyamakuru ku myenda, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, wenyine cyangwa afatanyije n'abandi, nibura

Article 2: Definitions of terms

In this Regulation, unless the context requires otherwise, the following words and expressions shall mean:

- 1. Accurate information:** information which is free of errors, truthful, complete and update.
- 2. Free credit bureau report:** a credit report got from the credit bureau without any cost.
- 3. Information delivered timely:** Data available to users in a prompt manner to enable them to carry out their functions without unnecessary delays.
- 4. Manager:** a person who has an executive authority and a member of the executive committee of a credit bureau.
- 5. Significant shareholder:** Shareholder who owns or acquires in a credit bureau, directly or indirectly, alone or in conjunction with others, represents at least five percent (5%) of the equity capital or voting rights, or that

Article 2 : Définitions des termes

Dans le cadre de ce règlement, à moins que le contexte l'exige autrement, les mots et expressions suivants sont définis comme suit:

- 1. L'information précise:** l'information qui est sans erreurs, véridique, complète et à jour.
- 2. Rapport gratuit du bureau de crédit:** un rapport de crédit obtenu d'un bureau de crédit, sans frais.
- 3. L'information livrée à temps:** Les données rendues disponibles aux utilisateurs d'une façon prompte pour leur permettre d'effectuer leurs fonctions sans retards inutiles.
- 4. Cadre:** une personne nantie d'un pouvoir de prise de décision et qui est membre du comité exécutif d'un bureau de crédit.
- 5. Actionnaire influent:** l'actionnaire qui possède ou acquiert dans un bureau de crédit, directement ou indirectement, seul ou avec d'autres, au moins cinq pour cent (5%) du capital social ou des droits de vote, ou qui a le pouvoir

5% by'imari shingiro y'ikigo cyangwa by'uburenganzira bwo gutora, cyangwa amuhesha ububasha ngenderwaho mu micungire y'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda.

makes it possible to exercise a significant influence over the management of that credit bureau.

d'exercer une influence sur la gestion de ce bureau de crédit.

6. Amakuru ahagije: Ni amakuru ari hamwe yaba ay'abishyura neza n'abishyura nabi.

6. Sufficient information: Relevant information comprises both negative and positive data.

6. L'information suffisante: L'information appropriée comportant des données négatives et positives.

Ingingo ya 3: Ibyangombwa bisabwa mu kwemererwa gukora imirimo y'iherekanyamakuru ku myenda

Article 3: Requirements for license application to operate credit bureau activities

Article 3: Conditions de demande d'octroi d'agrément d'opérer les activités du bureau de crédit

Sosiyeti yanditswe ishaka gukora imirimo y'iherekanyamakuru ku myenda ibisabira uburenganzira Banki Nkuru mu nyandiko iherekejwe n'ibyangombwa n'andi makuru bisabwa mu ngingo ya 4 y'aya mabwiriza rusange.

A registered company wishing to conduct business as a credit reference bureau shall apply to the Central Bank for a license in writing accompanied by documents and information stated in article 4 of this regulation.

Une société enregistrée désireuse de d'exercer des activités d'un bureau de crédit, doit faire la demande d'agrémentauprès de la Banque Centrale par écrit. Le dossier de demandé doit être accompagné des documents et 'information indiqués à l'article 4 de ce règlement.

UMUTWE WA II:GUSABAKWEMERERWA GUKORA IMIRIMO Y'IBEREREKANYAMAKURU KU MYENDA

CHAPTER II: LICENSE APPLICATION FOR CREDIT BUREAU ACTIVITIES

CHAPITRE II: DEMANDE D'AGREMENT D'EXERCER DES ACTIVITES DU BUREAU DE CREDIT

Ingingo ya 4: Ibyangombwa n'andi makuru bisabwa mbere yo kwemererwa

Article 4: Required documents and information for licensing

Article 4 : Documents et information requis pour demande d'agrément

Usaba kwemererwa gukora imirimo y'iherekanyamakuru ku myenda asabwa gutanga ibyangombwa n'amakuru bikurikira:

An applicant for a credit bureau license shall provide the following documents and information:

Un requérant d'agrémentd'exercer les activités d'un bureau de crédit doit fournir des documents et informations suivants:

a) Inyandiko igize umugereka wa 1, yujujwe

a) A filled application form set out in appendix

a) Un formulaire de demande bien

Official Gazette n° 06 Of 09/02/2015

neza;	1;	rempli, mentionné en annexe 1;
b) Inyandiko y'umwirondoro igize umugereka wa 2, yujijwe neza;	b) A filled information form set out in appendix 2;	b) Un formulaire d'identification bien rempli, mentionné en annexe 2;
c) Fotokopi y'icyemezo cy'iyandikwa rya sosiyeti;	c) A copy of the applicant's certificate of incorporation;	c) Une copie d'un certificat d'enregistrement d'une société ;
d) Kugaragaza ko imari shingiro itari muni y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana atatu (300.000.000 Frw) yishyuwe. Iyi mari shingiro iziyongera mu gihe hakenewe kongera ibikoresho by'itumanaho ry'ikorabuhanga n'iby'umutekano w'amakuru no kunoza imikorere;	d) Proof of a minimum paid up cash capital of not less than three hundred million Rwandan francs (Frw 300,000,000). This minimum paid up capital shall be increased if the IT infrastructure and security systems and operational risks are deemed high;	d) La preuve d'un capital social libéré d'au moins trois cent million de francs rwandais (300.000.000Frw). Ce capital social minimum sera augmentés'il y a un besoin d'améliorer des infrastructures en technologie de l'information ainsi que les systèmes de sécurité et de minimiser des risques liés à l'opération;
e) Amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000 Frw) y'ubusabe adasubizwa, yishyurwa muri Banki Nkuru;	e) A non-refundable application fee of Frw 1,000,000 payable to the Central Bank;	e) Des frais de demande, d'un million de francs rwandais (1.000.000 Frw) non-remboursables, payable à la Banque Centrale;
f) Inyandiko ishyigikira itangwa n'umugenzuzi w'aho ikigo gikomoka, iyo gisaba gukorera mu Rwanda gifite inkomoko mu mahanga;	f) A non-objection letter from the home regulator for a foreign credit bureau intending to operate in Rwanda;	f) Une lettre de non-objection délivrée par un organe de régulation du pays d'origine pour un bureau de crédit étranger, qui veut oeuvrer au Rwanda;
g) Inyigo y'imikorere y'ikigo gisaba, igaragaza igenabikorwa, inzego z'imirimo n'iz'ubugenzuzi n'amakuru yerekeranye na:	g) A feasibility study by the applicant company that shows the business plan, organizational structure and internal monitoring procedures of the company and information on:	g) Une étude de faisabilité d'unrequérant qui montre le plan d'affaires, la structure organisationnelle et les procédures internes de monitoring de l'entreprise ainsi que des informations sur:
(i)Inshingano n'intego;	(i)Mission statement and goals,	(i)La mission et objectifs;

Official Gazette n° 06 Of 09/02/2015

- | | | |
|---|--|---|
| (ii) Inyigo y'isoko; | (ii) Market analysis; | (ii) Analyse du marché; |
| (iii) Ifoto y'umutungo w'ikigo ku banyamigabane; | (iii) Ownership structure; | (iii) Structure de l'actionariat; |
| (iv) Imiterere y'ubuyobozi; | (iv) Governance structure; | (iv) Structure de gouvernance; |
| (v) Imiterere y'imicungire y'ikigo; | (v) Management structure; | (v) Structure de gestion; |
| (vi) Kugaragaza gahunda y'ishoramari; | (iv) A description of projected investments; | (vi) Une description des investissements envisagés; |
| (vii) Inyandiko igaragaza inkomoko n'imikoreshereze y'imari nibura y'imyaka itatu (3)iri imbere; | (vii) Financial projections for at least three years; | (vii) Projections financières pour une période d'au moins trois ans ; |
| (viii) Inyandiko yizeza gukomeza kw'imirimo; | (viii) A business continuity plan; | (viii) Un plan de continuité d'affaires; |
| h) Amakuru arambuye ku banyamigabane bafite uruhare runini, abagize inama y'ubuyobozi n'abayobozi nk'uko bisabwa ku mugereka wa 3; | h) Details of the applicant's significant shareholders, directors and managers; as stated in the personal information sheet set out in appendix 3; | h) Détails sur des actionnaires influents du requérant, des membres du conseil d'administration et cadres tel qu'indiqué dans le formulaire d'informations personnelles présenté en annexe 3; |
| i) Kugaragaza ko inyubako izakorerwamo iberanye n'imirimo y'iherekanyamakuru; | i) A description of the applicant's premises and suitability for credit bureaus activities; | i) Une description du bâtiment de travail du requérant et sa convenance avec les activités du bureau de crédit; |
| j) Incamake y'uko imirimo izakorwa harimo cyane cyane ibikoresho, uburyo bw'ikusanyamakuru n'isakazamakuru ndetse n'ibikoresho by'ikoranabuhanga birebana na: | j) The overview of operations including a description of systems, designs of the data collection and dissemination and management processes including: | j) Une vue d'ensemble des opérations comprenant une description des systèmes, les plans de collecte des données et de diffusion d'information et des procédés technologiques de gestion comprenant: |
| (i) Gahunda yo gushyiraho za | (i) The development schedule of the | (i) Le plan de développement des |

Official Gazette n° 06 Of 09/02/2015

	porogaramu z'ikorabuhanga zikenewe mu mirimo;		software required for the operations;		logiciels requis pour les opérations;
(ii)	Imiterere y'ibikorwa na serivisi bigenerwa abakiriya;	(ii)	Characteristics of products and services to be provided to users;	(ii)	Les caractéristiques des produits et services devant être fournis aux utilisateurs ;
(iii)	Politiki y'uburyo serivisi zitangwa;	(iii)	Policy on service provision;	(iii)	La politique sur la prestation des services;
(iv)	Ingamba zo kubungabunga no kurinda amakuru;	(iv)	Proposed security and control measures to prevent improper access to information;	(iv)	Mesures proposées en matière de sécurité et de contrôle devant contrecarrer l'accès inadéquat à l'information;
(v)	Inyandiko ngengamikorere zerekana ukuri kw'amakuru ari mu bubikon'uburyo agenda avugururwa n'	(v)	Operational manuals designed to ensure accuracy of information contained in the database and its update, and	(v)	Les manuels opérationnels conçus pour assurer l'exactitude d'information contenue dans la base de données et sa mise à jour, et
(vi)	Imiterere y'ibiciro bya serivisi zatangwa.	(vi)	The proposed fee and cost structure of service to be delivered.	(vi)	Les frais envisagés et la tarification des services à délivrer.

Ingingo ya 5: Uburyo ubusabe butangwa

Banki Nkuru igaragaza ko yabonye ubusabe bwokwemererewa gukora imirimo y'iherekanyamakuru.

Banki Nkuru mu gihe cy'ukwezi nyuma yo kwakira ubusabe n'ibindi bya ngombwa bisabwa, itanga umwanzuro wayo mu nyandiko.

Article 5: Processing of application

The Central Bank shall acknowledge receipt of an application for a credit bureau license.

The Central Bank shall within one month, after the receipt of the application and all related documents and information, inform the applicant in writing of the decision of the Central Bank

Article 5 : Traitement de la demande

La Banque Centrale accuse réception de la demande d'agrément pour un bureau de crédit.

La Banque Centrale, dans un délai d'un mois qui suit la réception de la demande et de tous les documents et information requis, informe le requérant, par écrit de sa décision.

Ingingo ya 6: Gutanga icyemezo

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 4 y'aya mabwiriza rusange, Banki Nkuru itanga icyemezo igihe isanze ibi bisabwa byujujwe:

1. Ikigo gisaba, abagifitemo imigabane, abagize inama y'ubutegezi n'abayobozi bakuru:
 - (i) Batigeze bemezwa igihombo mu nkiko;
 - (ii) Batigeze baba ba bihemu ku mwenda uwo ari wo wose;
 - (iii) Batigeze bahamwa n'icyaha gituma ubunyangamugayo bwabo mu by'imari bukemangwa;
2. Ikigo gisaba igomba kuba gifite ubushobozi mu bijyanye n'abakozi, tekini, imari n'imikorere bigishobozwa gukora imirimo y'iherekanyamakuru, mu buryo bunozwe;
3. Ikigo gisaba kigomba kuba cyashyizeho ingamba zigaragaza neza politiki n'uburyo bwo kubungabunga umutekano, ibanga n'ubusugire bw'amakuru y'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda;

Article 6: Granting of License

Without prejudice to the provisions of article 4 of this regulation, the Central Bank shall grant the license if it is satisfied that the following conditions are met:

1. Applicant, owners, directors and senior management:
 - (i) Have never been declared bankrupt by a court of law;
 - (ii) Have not defaulted on any credit obligation;
 - (iii) Have never been convicted of any criminal offence for the past seven years which affects their financial integrity;
2. The applicant has human, technical, financial and operational resources that will enable the credit reference bureau to function effectively and efficiently;
3. The applicant has put in place concise and detailed policies and procedures for the storage use, the security, confidentiality and integrity of the credit data;

Article 6 : Octroi d'agrément

Sans préjudice des dispositions de l'article 4 de ce règlement, la Banque Centrale octroie l'agrément quand elle est satisfaite que les conditions suivantes sont réunies:

1. Requéran, actionnaires, administrateurs et hauts cadres:
 - (i) N'ont jamais été déclarés faillis par un tribunal ;
 - (ii) N'ont jamais été défailants à leurs obligations de crédit ;
 - (iii) N'ont jamais été condamnés suite à une infraction financière pouvant porter atteinte à leur intégrité financière durant les sept dernières années ;
2. Le requérant dispose des ressources humaines, techniques, financières et opérationnelles qui permettent le bureau de crédit de fonctionner de manière efficace et efficiente;
3. Le requérant a mis en place des politiques et des procédures concises et détaillées sur l'utilisation de la base de données, sécurité, confidentialité et intégrité des informations sur le crédit;

Official Gazette n° 06 of 09/02/2015

- | | | |
|---|---|--|
| 4. Ikigo gisaba kigomba kuba cyashyizeho politiki isobanutse ituma: | 4. The applicant has put in place detailed policies and procedures to ensure: | 4. Le demandeur a mis en place des politiques et des procédures détaillées pour assurer: |
| (i) Amakuru atangwa ari ukuri kandi agerwaho gusa n'ababyemerewe; | (i) The provision of accurate credit information and that it is only accessible by authorized users; | (i) Lafourniture de l'information précise sur le crédit et qui n'est accessible qu'aux utilisateurs autorisés; |
| (ii) Uburenganzira bw'umukiriya bwerekeye amakuru ku myenda bubungwabungwa; | (ii) The provision of robust consumer rights and protection related to their personal credit information; | (ii) La protection des droits des clientsliés à l'information personnelle de crédit; |
| 5. Ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda kigomba kuba gifite porogaramu z'ikoranabuhanga zagenewe ikusanyamakuru ku myenda. | 5. The credit reference bureau has certified hardware and software for its credit information database. | 5. Le bureau de crédit a en son sein le matériel et le logiciel appropriés à la base de données d'information sur le crédit. |

Mu gihe ubusabe bwo kwemererwa bwanzwe, Banki Nkuru isobanura mu nyandiko impamvu yashingiyeho.

Where an application for a license is rejected, the Central Bank shall state the reasons for the rejection in the notice.

Dans le cas où la demande d'agrément est rejetée, la Banque Centrale notifie la décision de rejet motivée.

Ingingo ya 7: Igihe uruhushya rwo gukora rumara

Article 7: Validity of license

Article 7: Validité de d'agrément

Uruhushya rwo gukora ruhoraho keretse iyo ruvanyweho mu buryo buteganywa n'aya mabwiriza rusange.

The delivered license is perpetual unless revoked in accordance with this regulation.

L'agrément délivré revêt un caractère perpétuel à moins qu'il ne soit révoqué conformément à ce règlement.

Uruhushya rwo gukora ni urw'ikigo cyaruhawe gusa kandi ntigishobora kurutanga mu buryo ubwo ari bwo bwose.

It shall not be transferable, assignable or encumbered in any way.

En aucun cas, il ne peut être ni transféré, ni cédé, ni endossé.

Ingingo ya 8: Amafaranga y'igenzura ya buri mwaka

Amafaranga ya buri mwaka y'igenzura angana na miliyoni y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 Frw) yishyurwa na buri kigo cy'iherekanyamakuru ku myenda bitarenze itariki ya 31 Nyakanga.

Amafaranga y'igenzura ya buri mwaka ashobora guhindurwa na Banki Nkuru mu gihe bibaye ngomwa. Ihindurwa rimenyeshwa ibigo bihererekanya amakuru ku myenda, nibura ukwezi mbere y'itangira ry'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira.

Ingingo ya 9: Imigabane n'Ubuyobozi

Nta muntu ushobora kuba umunyamigabane ufite uruhare runini, umwe mu bagize inama y'ubuyobozi cyangwa umuyobozi w'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda keretse bigaragara ko abifitiye ubushobozi kandi abikwiriye akanaba yemewe na Banki Nkuru.

Ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda gishyikiriza Banki Nkuru inyandiko yujujwe neza igize umugereka wa 3 w'aya mabwiriza rusange, yagenewe uwifuzaga kuba umunyamigabane ufite uruhare runini, ugize inama y'ubuyobozi, cyangwa umuyobozi w'ikigo.

Article 8: Annual supervision fee

The annual supervision fee of one million Rwandan Francs (Frw 1,000,000) shall be payable by an operative credit bureau not later than the 31st day of July.

The annual supervision fee may be modified by the Central Bank from time to time. The modification shall be notified to all licensed credit bureaus at least one month before the beginning of the following financial years.

Article 9: Shareholding and Management

No person shall become a significant shareholder, a director or a manager of a credit bureau unless such a person is deemed fit and proper and approved by the Central Bank.

A credit bureau shall submit to the Central Bank a duly completed form annexed to the regulation in appendix 3, for the prospective new significant shareholder, a director or a manager of a credit bureau.

Article 8: Frais annuels de supervision

Les frais annuels de supervision d'un million de francs rwandais (1.000.000 Frw) doivent être payés par un bureau de crédit au plus tard avant le 31 Juillet.

Les frais annuels de supervision peuvent être revus par la Banque Centrale au moment opportun. Dans ce cas, il lui faudra d'annoncer ce changement à tous les bureaux de crédit agréés au moins un mois avant le début de l'année fiscale suivante.

Article 9: Actionariat et Direction

Nul ne peut devenir actionnaire influent, administrateur ou cadres d'un bureau de crédit, à moins qu'il soit reconnu comme juste et approprié et qu'il soit approuvé par la Banque Centrale.

Un bureau de crédit doit soumettre à la Banque Centrale un formulaire qui se trouve en annexe 3 de ce règlement, dûment rempli, pour chaque aspirant actionnaire influent, administrateur ou cadre d'un bureau de crédit.

Ingingo ya 10: Ikurwaho cyangwa ihagarikwa ry'agateganyo by'uruhushya rwo gukorarw'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda

Banki Nkuru ishobora gukuraho cyangwa guhagarika by'agateganyo uruhushya rwo gukora rw'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda igihe cyose, iyo:

- (i) kitigeze gitangira imirimo mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uhereye itarikicyemerewe;
- (ii) cyahagaritse ibikorwa mu gihe kirenze ukwezi kumwe;
- (iii) igihe cyemerewe hashingiwe ku makuru atari yo cyangwa mu buryo bw'uburiganya;
- (iv) kitacyujuje ibisabwa;
- (v) bigaragaye ko cyishe itegeko iryo ari ryo ryose cyangwa kinyuranyije mu buryo bukomeye amabwiriza rusange ku buryo bigira ingaruka ku bushobozi bwacyo bwo kwishyura, ku mikorere cyangwa icyizere muri rubanda.

Igihe habaye ihagarikwa ry'agateganyo, iryo hagarikwa ntrigomba kurenza amezi cumi n'abiri (12).

Article 10: Revocation or suspension of credit bureau license

The Central Bank may revoke or suspend a license granted to a credit bureau at any time if the credit bureau:

- (i) has not commenced operations within twelve (12) months from the date on which the license was granted;
- (ii) has ceased operating for a period of more than one month;
- (iii) has obtained the license through incorrect statements or fraudulent means;
- (iv) no longer meets the applicable licensing criteria;
- (v) is found to be in violation of any law or in material breach of any regulation which affects its solvency, the effectiveness of its operations or the public trust.

In the case of suspension, the suspension period shall not exceed twelve (12) months.

Article 10 : De la révocation ou suspension d'un agrément d'un bureau de crédit

La BanqueCentrale peut retirer ou suspendre l'agrément accordée à un bureau de crédit à tout moment si le bureau de crédit:

- (i) n'a pas débuté des opérations dans les douze (12) mois qui suivent la date d'octroi de licence;
- (ii) a cessé ses activités pendant une période de plus d'un mois;
- (iii) a obtenu l'agrément sur base de fausses déclarations ou de moyens frauduleux;
- (iv) ne répond plus aux critères d'octroi d'agrément;
- (v) est en violation d'une loi quelconque ou règlement qui affecte sa solvabilité, efficacité de ses opérations ou la confiance publique.

Dans le cas de la suspension, la période de suspension n'excédera pas douze (12) mois.

Banki Nkuru ihita imenyasha ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda icyemezo kicyambura uruhushya rwo gukora cyangwa kiruhagarika by'agateganyo.

The Central Bank shall immediately notify the credit bureau of any decision to revoke or suspend the license.

La Banque Centrale informera immédiatement le bureau de crédit de la décision de révocation ou de suspension de licence.

UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA BW'UMUKIRIYA KU MAKURU AFITWE N'IKIGO CY'IHEREREKANYAMAKURU KU MYENDA

CHAPTER III: CUSTOMER'S RIGHT ON INFORMATION MAINTAINED BY ACREDIT BUREAU

CHAPITRE III : DROIT DU CLIENT SUR L'INFORMATION ENREGISTREE DANS LA BASE DES DONNEES D'UN BUREAU DE CREDIT

Ingingo ya 11: Uburenganzira bw' umukiriya bwo kubona amakuru

Article 11: Customer's right to access information

Article 11: Droit du client d'accéder à l'information

Umukiriya afite uburenganzira bwo kubona kopi ya raporo y'amakuru ku myenda amwerekeye nta kiguzi mu bihe bikurikira:

The customer has the right to receive a copy of the credit bureau report relating to him/her without charge, in the following cases:

Le client a le droit de se faire livrer une copie de rapport du bureau de crédit dans les cas suivants:

- 1) igihe ubusabe bw'inguzanyo bwanzwe n'uyitanga cyangwa ku zindi mpamvu zemewe;
- 2) inshuro imwe mu mezi atandatu (6) nyuma yo kuba yarasabye ko hari amakosa ku makuru amwerekeye agomba gukosorwa mu bubiko bw'amakuru;
- 3) inshuro imwe mu mwaka.

- 1) when an application for credit is rejected by a subscriber or for other authorized purpose;
- 2) once per six (6) months, after making a request to have inaccurate information corrected in the database;
- 3) once a year.

- 1) quand une demande de crédit est rejetée par un abonné ou pour des motifs légitimes ;
- 2) une fois dans une période de six (6) mois, après avoir fait la demande de rectification des informations fausses dans la base de données;
- 3) une fois par an.

Na none kandi umukiriya afite uburenganzira bwo kubona kopi ya raporo y'amakuru ku myenda igihe cyose abishatse yishyuye ikiguzi cyagenwe n'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda.

The customer also has the right to receive a copy of the credit bureau report at any time, upon payment of the fees determined by the credit bureau.

Le client a également le droit de recevoir une copie du rapport de bureau de crédit à tout moment, à condition qu'il paie des frais déterminés par le bureau de crédit.

Ingingo ya 12: Uburyo umukiriya agomba gukurikiza mu gusaba ko amakuru ye akosorwa

Igihe umukiriya yumva ko amakuru amwerekeye ari muri raporo y'amakuru ku myenda atari ukuri, arimo amakosa, atuzuye cyangwa atagendanye n'igihe, ashobora kumenyesha ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda ayo makuru agibwaho impaka, mu nyandiko.

Mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi kimenyeshejwe ko amakuru ari muri raporo agibwaho impaka, ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda kigomba:

- 1) Gushyira inyandiko yihariye kuri raporo imenyeshya ko ayo makuru agikorwaho iperereza kandi iyo nyandiko ikagumaho kugeza impaka zikemutse;
- 2) Kumenyesha uwatanze amakuru ibyerekeye izo mpaka kinamusaba guhamya ukuri kuri ayo makuru agibwaho impaka.

Mu gihe cy'iminsi makumyabiri y'akazi, ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda kigomba gukora iperereza ryimbitse gishingiye ku makuru yose yatanzwe n'umukiriya no gukorana n'uwatanze amakuru bibaye ngombwa. Igihe iryo iperereza rigaragaje ikosa, ikigo gihita kirikosora.

Article 12: Modalities to be followed by customer to review his/her/ its information

Where a customer believes that the information contained in the credit bureau report is inaccurate, erroneous, insufficient and/or incomplete or outdated, the customer may notify the credit bureau in writing of the information disputed.

Within five (5) working days of being informed that information in its report is disputed, the credit bureau shall:

- 1) Attach a note to the report warning that the disputed information is under investigation, and that notice shall remain on the file until resolution of the dispute;
- 2) Give the data provider a notice of dispute requesting for confirmation of the accuracy of the disputed information.

Within twenty (20) working days, the credit bureau shall conduct a reasonable investigation, based on all relevant information provided by the customer, and contact the data provider if necessary. Where the investigation reveals an error, the credit bureau shall promptly remedy it.

Article 12: Modalités à suivre par le client pour avoir ses informations revues

Quand un client croit que l'information contenue dans le rapport du bureau de crédit est fausse, incorrecte, insuffisante et/ou incomplète ou n'est pas à jour, il peut, par écrit, informer le bureau de crédit des informations contestées.

Dans un délai de cinq (5) jours ouvrables qui suivent la prise de connaissance qu'il y a des informations dans le rapport qui sont contestées, le bureau de crédit doit:

- 1) Attacher au rapport une note mettant en garde que l'information contestée fait objet de l'investigation et que cette notification restera attachée au rapport jusqu'à la fin de la contestation;
- 2) Notifier au fournisseur d'information la contestation et lui demander de confirmer la véracité de l'information contestée.

Dans un délai de vingt (20) jours ouvrables, le bureau de crédit doit faire une enquête raisonnable en se basant sur toutes les informations y relatives données par le client et contacter le fournisseur d'information en cas de besoin. Quant l'enquête aboutit à une erreur, le bureau de crédit doit promptement la corriger.

Official Gazette n° 06 Of 09/02/2015

Mu gihe ikigo kitarangije iperereza ryacyo mu minsi makumyabiri y'akazi, ikibazo cyoherezwa kuri Banki Nkuru cyangwa kigakemurwa hakurikijwe ibyifuzo by'umukiriya.

Niba ikigo cy'iherekanyamakuru ku myendakirangije iperereza nyuma ya cya gihe cyagenwe, gishobora kuzuza cyangwa gukosora amakuru yagibwagaho impaka gishingiye ku byavuye mu iperereza.

Kikimara kubona uko impaka zakemutse cyangwa kubona ko uwatanze amakuru yayakosoye, ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda gihita gikosora amakuru kubitse kandi mu minsi itanu (5) y'akazi kikamenyesha umufatabuguzi wese waba yarakoresheje iyo raporo y'amakuru ku myenda atari yo mu mezi atandatu ashize impinduka zabaye, kimumenyesha ko yakosowe.

Igihe umukiriya atemera umwanzuro wafatiwe amakuru yagibwagaho impaka, ashobora gusaba ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda komeka kuri raporo yacyo inyandiko isobanura impamvu ashingiraho yemeza ko amakuru atari ukuri, kinamuha ubundi bufasha yakenera.

If the credit bureau does not complete its investigation within twenty (20) working days, the complaint shall be referred to the Central Bank or corrected as requested by the customer.

If the credit bureau later completes its investigation, it may complete or correct disputed information based on the results of such investigation.

After dispute resolution or an amendment notice from a data provider, the credit bureau shall immediately update its system accordingly and within five (5) working days send a notice of change to any subscriber that has in the previous six (6) months obtained a credit information report from the credit bureau containing the incorrect information, indicating the correction of the disputed data.

Should the customer disagree with the resolution of the disputed information, the customer may request the credit bureau to attach its report, a short statement setting out the customer's claim that the information is not accurate and the credit bureau shall take reasonable steps to comply with the customer's request.

Si le bureau de crédit ne termine pas des enquêtes dans un délai de vingt (20) jours ouvrables, la contestation sera adressée à la Banque Centrale ou doit être corrigée tel que demandé par le client.

Si le bureau de crédit termine des investigations plus tard, il peut compléter ou corriger les informations contestées sur base des résultats de l'investigation.

Prenant note de la résolution ou de la modification par le fournisseur d'information, le bureau de crédit, dans un délai de cinq (5) jours ouvrables qui suivent, doit communiquer de ce changement à tout abonné qui, pendant les six (6) dernier mois aurait obtenu un rapport du bureau de crédit contenant des informations incorrectes et indiquer la correction des données contestées. Le fournisseur d'information notifie au bureau de crédit que les données ont été corrigées et que cela a été considéré dans la mise à jour de la base de données.

Si le client est en désaccord avec la résolution relative aux informations contestées, il peut demander au bureau de crédit d'attacher à son rapport, une petite note explicative de sa plainte que l'information n'est pas correcte et dans la mesure du possible, le bureau de crédit fera tout pour aider à la résolution de la plainte.

Mu gihe iperereza rirangiye, ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda kimenyesha mu nyandiko umukiriya ibyavuye mu iperereza ndetse kikamugenera kopi ya raporo y'amakuru itishyurwa mu gihe amakuru yagibwagaho impaka yakosowe.

Iyo raporo itishyurwa itanzwe muri ubu buryo ntisimbura iyo umukiriya yemerewe rimwe mu mwaka.

Ingingo ya 13: Gusubira mu iperereza ry'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda bikoze na Banki Nkuru

Umukiriya utanyuzwe n'ibyavuye mu iperereza ryakozwe n'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda ashobora gushyikiriza ubujurire bwe Banki Nkuru.

Iyo Banki Nkuru ibonye ubwo bujurire, ibukoraho iperereza ikabusuzuma maze igatanga umwanzuro mu gihe cy'iminsi 30 uhariye igihe ubujurire bwakiriwe.

Umwanzuro kuri izi mpaka utanzwe na Banki Nkuru ni ntakuka.

Ingingo ya 14: Iperereza ridasanze

Iperereza ridasanze rikorwa igihe ikigo

When the investigation is completed, the credit bureau shall communicate to the customer the results of investigation in writing and a free copy of credit report if the disputed information has changed.

The above stated free copy of credit report shall not be considered as an annual free credit report.

Article 13: Review of the credit bureau investigation by the Central Bank

A customer who is not satisfied with the result of the investigation by the credit bureau may submit the request to the Central Bank for review.

Where the Central Bank receives an appeal, it shall investigate and respond to such appeal within 30 calendar days from the date when such appeal was made.

The Central Bank decision on the customer's appeal shall be a binding order.

Article 14: Special investigation

A special investigation is conducted when a

du client.

Quand l'enquête est terminée, le bureau de crédit informe le client des résultats de l'enquête par écrit et lui donne gratuitement une copie du rapport de crédit si l'information contestée a subi des changements.

La copie du rapport de crédit citée ci-dessus livrée gratuitement ne doit pas être confondue avec celui auquel le client a droit de recevoir annuellement sans frais.

Article 13 : Réexamen de l'enquête du bureau de crédit par la Banque Centrale

Un client qui n'est pas satisfait du résultat de l'enquête menée par le bureau de crédit peut déposer le recours auprès de la Banque Centrale pour réexamen.

Quand la Banque Centrale reçoit ce recours, elle doit mener des enquêtes et statuer à un tel recours dans une période de 30 jours calendriers à partir de la date de la réception dudit recours.

La décision de la Banque Centrale sur ce recours du client est irréversible.

Article 14 : Enquête spéciale

Une enquête spéciale est effectuée quand un

cy'iherekanyamakuru ku myenda cyananiwe kwerekana mu buryo bweruye imvanyo y'ikosa. icyo gihe umukiriya asaba ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda gukora iperereza ridasanze kugira ngo gicukumbure inkomoko y'ayo makuru anyuranye n'ukuri kinamenye uwayatanze, kimusabe kuyakosora.

Ingingo ya 15: Ikiguzi cy'iperereza ridasanze ryakozwe n'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda

Ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda gishobora kugena ikiguzi cyishyurwa n'umukiriya cyangwa utanga amakuru, ku iperereza ridasanze ryakozwe ku makuru y'umukiriya agibwaho impaka.

Ikigo cy'iherekanyamakuru gishobora kwishyura umukiriya cyangwa ikigo gitanga amakuru, ikiguzi cy'iperereza ridasanze ryakozwe ku makuru y'umukiriya agibwaho impakagikubiyemo ibyitabajwe mu kurikora (nk'umwanya ryatwaye, abantu barigizemo uruhare, ingendo n'ibindi), mu buryo bukurikira:

1. Umukiriya, mu gihe iperereza ryerekanye ko amakuru ahari yari nta makemwa, ko nta mpamvu umukiriya yari afite yo kuyajyaho impaka.
2. Utanga amakuru, mu gihe iperereza rigaragaje ko yatanze raporo y'amakuru atari ukuri (atuzuye,

credit bureau is not able to find directly the source of mistake. Then the customer requests the credit bureau to conduct a special investigation and to trace the source of inaccurate information and identify the data provider, then request for correction.

Article 15: Cost for special investigation carried out by the credit bureau

A Credit bureau may charge the customer or the data provider for the cost of its services in conducting a special investigation of disputed customer information.

After completion of a special investigation, a credit bureau shall charge a flat fee to cover the cost spent for this process (time spent, human resource involved, transport, etc), in the following cases:

1. To the customer, when the result from special investigation reveals that the disputed information by the customer was correct; meaning that there was no reason to make a dispute.
2. To the data provider, when the result reveals that a data provider has reported inaccurate

bureau de crédit ne peut pas détecter directement la source d'erreur. C'est ainsi que le client demande au bureau de crédit d'effectuer une enquête spéciale pour trouver la source d'information fautive et identifier le fournisseur d'information et par la suite lui demander d'en faire la correction.

Article 15: Coûts d'enquête spéciale effectuée par le bureau de crédit

Un bureau de crédit peut demander au client ou au fournisseur d'information de payer le coût de ses services prestés lors d'une enquête spéciale suite aux informations contestées du client.

A la fin d'une enquête spéciale, un bureau de crédit fait la demande d'une somme forfaitaire pour les dépenses encourues lors du processus (temps, ressources humaines impliquées, transport, etc..), dans les cas suivants:

1. Au client, quand le résultat de l'enquête spéciale indique que l'information contestée par le client était correcte; qu'il n'y'avait aucune raison de se plaindre.
2. Au fournisseur d'information, quand le résultat indique qu'un fournisseur

Official Gazette n° 06 Of 09/02/2015

anyuranye n'ukuri arimo amakosa cyangwa atajyanye n'igihe).

information (incomplete, wrong or outdated).

d'information a rapporté de fausses informations (incomplètes, fausses ou pas à jour);

Igihe bigaragaye ko hari abatanga amakuru benshi bahuriye ku gutanga amakuru anyuranye n'ukuri ku mukiriya umwe, buri umwe wese yishyura icyo kiguzi Ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda.

If more data providers have reported inaccurate information concerning the same customer, each data provider shall pay the cost to the credit bureau.

Si plusieurs fournisseurs d'information ont rapporté de fausses informations au sujet d'un même client, chaque fournisseur d'information payera le coût au bureau de crédit.

Ikiguzi kigenwe cyishyurwa Ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda giteye ku buryo bukurikira:

The amount of the cost to be charged is a flat fee payable to the credit bureau as follows:

Le montant forfaitaire du coût à payer au bureau de crédit est défini comme suit:

- i) Amafaranga ibihumbi icumi y'u Rwanda (10.000Frw) acibwa umukiriya.
- ii) Amafaranga ibihumbi mirongo itanu y'u Rwanda (50.000 Frw) acibwa ibigo bitanga amakuru (za banki, amasosiyeti y'ubwishingizi, ibigo by'imari iciriritse, koperative zikora imirimo yo kuzigama no kuguriza cyangwa se n'ikindi kigo cyose cyasabye ku bushake gukorana n'ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda).

- i) Ten thousand Rwandan francs (Frw 10,000) to be paid by the customer.
- ii) Fifty thousand Rwandan francs (Frw 50,000) to be paid by data provider (banks, Insurance companies, Microfinance institution -MFIs-, Saving and Credit Cooperatives -SACCOs- and any other voluntary participant who provided data to the bureau).

- i) Dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par le client.
- ii) Cinquante mille francs rwandais (50.000 Frw) par le fournisseur d'information (banques, compagnies d'assurance, institutions de micro finance-MFIs-, Coopératives d'épargne et de crédit SACCOs- et tout autre participant volontaire qui a fourni d'information au bureau).

Mbere yo gutangira iperereza ridasanze, ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda gisaba umukiriya kubanza kwishyura ingwate y'amafaranga ibihumbi cumi y'u Rwanda (10.000Frw) azasubizwa gusa mu gihe ikibazo cyekizaba gifite ishingiro.

Before conducting a special investigation, a credit bureau shall require a customer to deposit the amount of ten thousand Rwandan francs (Frw 10,000) only refundable in case the claim is valid.

Avant de déclencher une enquête spéciale, un bureau de crédit demande au client de justifier un paiement de dix mille francs rwandais (10.000 Frw) qui n'est remboursable que si sa réclamation est fondée.

Ingingo ya 16: Kwishyura iperereza ridasanzwe

Ikigo cy'iherekanyamakuru ku myenda gishyikiriza inyandiko yishyura ku kigo gitanga amakuru kigisaba kwishyura mu minsi cumi n'itanu (15) ikiguzi cy'iperereza ridasanzwe ryakozwe.

Les membres adhérents sont ceux qui deviendront les membres de l'organisation après leur demande et l'admission par l'assemblée générale.

Abanyamuryango b'Icyubahiro ni abashyigikira ibikorwa byawo mu bitekerezo no mu gutanga imfashanyo kandi bakaba baremewe n'Inteko Rusange y'Umuryango. Amategeko y'umwihariko risobanura uko bemererwa.

Honorary members are those members who support the activities of the organization both morally and materially. They shall be accorded the status by the General Assembly. The internal regulations of the organization shall determine the manner in which they are to be admitted.

Les membres d'honneur sont ceux qui soutiennent moralement ou financièrement les activités de l'organisation et qui ont été admis par l'assemblée générale. Le règlement de l'ordre intérieur de l'organisation désigne comment ils sont admis.

Ingingo ya 7

Article 7

Article 7

Abashinze umuryango n'abawinjiyemo nibo banyamuryango nyakuri

The founder members and ordinary members shall constitute the effective membership of the organization.

Les membres fondateurs et adhérents constituent les membres effectifs de l'organisation.

Ingingo ya 8

Article 8

Article 8

Buri munyamuryango nyakuri afite ijwi mu nteko Rusange y'umuryango.

All members of the organization, save the Honorary ones have equal votes in the General Assembly.

Chaque membre de l'organisation a une voix de vote dans l'assemblée générale.

Ingingo ya 9

Article 9

Article 9

Ushaka kwinjira mu muryango yandikira Perezida w'Inama y'ubutegetsi, uyu nawe akabishyikiriza inteko rusange ari nayo ifata icyemezo.

All applications for membership shall be addressed to the President of the executive committee who will in turn present them to the General Assembly for approval.

Toute demande d'adhésion doit être adressée au président du conseil d'administration, après la réception de la demande le président en informe l'assemblée générale pour approuvée.

Ingingo ya 10

Article 10

Article 10

Gutakaza ubunyamuryango bishobora guterwa n'impamvu zikurikira:

A person shall cease to be a member of the organization upon:

Une personne perd la qualité d'être un membre de l'organisation à cause des

Urufu	Death	raisons suivantes: Décès
Kuvamo ku bushake	Voluntary withdrawal	Retrait volontaire
Kwirukanwa mu muryango n'inteko rusange byemejwe kubwiganze bw'amajwi 2/3 by'inteko rusange.	Dismissal by 2/3 majority of the General Assembly.	Exclusion par la majorité de 2/3 de l'assemblée générale.
Umunyamuryango usezerewe azagira uburenganzira bwo kwiregura imbere y'inteko rusange ari nayo ishobora kumusezerera burundu iyo ntabisobanuro bihagije atanze. Itegeko ngenga mikorere rigena uko umunyamuryango asezererwa.	When a member has been expelled, he shall be given a chance to present his defense to the General Assembly and the latter shall approve the expulsion if not satisfied with the defense. The internal regulations of the organization shall determine the manner in which a member is to be dismissed.	Quand un membre est exclu, il sera donné la chance de présenter sa défense devant l'assemblée générale et la dernière approuvera l'exclusion si l'assemblée générale n'est pas satisfaite. L'organisation désignera comment le membre doit être exclu.
Ingingo ya 11	Article 11	Article 11
Umunyamuryango ushaka kuwuvamo abikora mu nyandiko, akayishyikiriza Perezida w'umuryango nawe uyishyikiriza inteko rusange ari nayo ifata icyemezo.	A member wishing to withdraw from the organization shall do so by tendering a resignation letter to the chairperson of the organization who shall in return present the same to the General Assembly for approval.	Un membre qui a le désir de se retirer de l'organisation, il le fera en donnant une lettre de démission au président de l'organisation qui présentera cette lettre à l'assemblée générale pour approbation.
Umutwe wa III: Imitere y'Inzegoz'Umuryango, ububasha n'inshingano zazo	Chap. III: Organizational Structure, competence and duties of the Organs	Chapitre III: La structure, la compétence et les attributions des organes
Ingingo ya 12	Article 12	Article 12
Inzego z'umuryango ni izi zikurikira:	The organs of the organization are:	L'organisation est composée des organes ci-après:
Inteko rusange	General Assembly	L'assemblée générale
Inama y'ubutegetsi	Executive Committee	Le conseil d'administration
Ubunyamabanga buhoraho	Permanent Secretariat	Le secrétariat permanent
Komite y'ubugenzuzi	Audit Committee	Le comité d'audit
Urwego n'uburyo bwo gukemura amakimbirane	Conflict Management Committee	L'organe et mécanisme de résolution des conflits
Inteko Rusange	General Assembly	L'assemblée générale
Ingingo ya 13	Article 13	Article 13
Inteko rusange ni rwo rwego rukuru rw'umuryango.	The General Assembly is the supreme organ of the organization.	L'assemblée générale est l'organe suprême de l'organisation.
Rugizwe n'abanyamuryango nyakuri	It is composed of all members founder, Ordinary, and Honorary members.	Elle est composée de tous les membres fondateurs ainsi que tous les membres adhérents.

Ingingo 14

Ububasha bw'Inteko Rusange ni ubu:

Kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango.

Kwemeza ibikorwa by'umuryango Kugenzura inzego zose z'umuryango

Kwemera, guhagarika no gusezerera abanyamuryango.

Gutora abagize inama y'ubutegetsi, abagenzuzi b'umutungo, urwego n'uburyo bwo gukemura amakimbirane no kwemeza igihe bamara.

Kwemeza ingengo y'imari y'umuryango.

Kwemeza imisanzu.

Kwemeza raporo y'inama y'ubutegetsi.

Gutanga uburenganzira bwo gukoresha ikintu cyo mu mutungo w'umuryango.

Kwemeza iseswa ry'umuryango no kwemeza icyo umutungo waba usigaye wakoreshwa.

Kwemera impano n'indagano.

Kwemeza buri mwaka raporo y'imicungire y'imari n'umutungo.

Gushyiraho no kuvanaho abahagarariye umuryango n'ababungirije

Ingingo ya 15

Inteko Rusange iterana bisanzwe rimwe mu mwaka itumijwe na Perezida.

Ingingo ya 16

Inzandiko zitumira inama zohererezwa abanyamuryango nibura hasigaye iminsi 15 ngo inama iterane. Gahunda y'ibyigwa itegurwa n'inama y'ubutegetsi.

Article 14

The General Assembly shall have the following powers:

To adopt and modify the constitution and the by-laws of the organization.

To approve the organisation's activities. To supervise all organs of the organisations

To admit, to suspend and dismiss members of the organization

To elect the executive committee, advisory & conflict resolution committee, audit committee as well as to determine the duration of their terms of office.

To approve the budget of the organization.

To approve shares

To approve the reports of the executive committee

To approve the use of the properties of the organization

To approve the decision to dissolve the organization and to decide on what to do with the remaining assets.

To accept grants and inheritance

To approve the annual accounts

To appoint and to dismiss legal representatives and their assistants.

Article 15

The General Assembly shall be convened once every year by the chairperson of the executive committee.

Article 16

Notices inviting the members to a meeting shall always be sent to the members 15 days in advance. The agenda shall be prepared by the executive committee.

Article 14

Les pouvoirs de l'assemblée générale sont les suivants:

Adopter et modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur de l'organisation.

Approuver les activités de l'organisation. Superviser tous les organes de l'organisation.

Admettre, suspendre et démettre les membres de l'organisation.

Elire le conseil d'administration et le comité vérificateur ainsi que déterminer la durée de leurs mandats.

Approuver le budget de l'organisation.

Designer et fixer les parts sociales payées pour être membre.

Approuver les rapports du conseil d'administration.

Approuver l'utilisation des biens de l'organisation soit utilisé

Décider de la dissolution de l'organisation et de l'affectation du patrimoine.

Accepter les dons et les legs.

Approuver les comptes annuels

Nommer et démettre les représentants légaux et leurs assistants.

Article 15

L'assemblée générale est convoquée par le président du conseil d'administration une fois par an.

Article 16

Les lettres d'invitation de l'assemblée générale seront transmises aux membres au moins 15 jours avant la tenue de la réunion. L'ordre du jour sera préparé par le conseil d'administration.

Ingingo ya 17

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa n'umuvugizi w'umuryango, yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa n'umwe mu basimbura be babiri (2) aribo visi perezida wa mbere cyangwa visi perezida wa kabiri igihe uwambere adahari. Igihe umuvugizi n'abasimbura be badahari, batabonetse cyangwa banze gutumiza inama Inteko Rusange ihamagazwa na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri. icyo gihe abagize inteko rusange bitoramo umuyobozi w'inama n'umwanditsi.

Ingingo ya 18

Inteko Rusange iterana ku buryo bwemewe iyo haje nibura 2/3 by'abanyamuryango nyakuri. Iyo batabonetse indi nama itumizwa mu minsi 15, ibyemezo bigafatwa kubwiganze busesuye bw'abaje mu nama.

Inama y'ubutegetsi

Ingingo ya 19

Umuryango ucungwa n'inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu batanu (5) batowe n'inteko rusange aribo Perezida, Visi Perezida wa mbere, Visi Perezida wa kabiri, Umunyamabanga, n'Umubitsi.

Ingingo ya 20

Abagize inama y'ubutegetsi batorwa n'Inteko Rusange bagatorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) mu banyamuryango kandi bashobora kongera gutorwa inshuro imwe nyuma bagatakaza ubuyobozi hagatorwa indi nama y'ubutegetsi.

Abanyamuryango bagize inama y'ubutegetsi ntibashobora narimwe kwikorera ibyabo bwite bitwaje izina ry'umuryango.

Article 17

The General Assembly shall be convened and presided over by the chairperson of the organization and in his absence by the first chairperson or the second chairperson. In case both the chairperson and the vice chairpersons shall be absent or in case they shall refuse to convene a meeting then in that case a General Assembly may be convened by 1/3 of the founder and ordinary members who shall elect from amongst themselves a chairperson and a secretary.

Article 18

The quorum for the meeting shall be 2/3 of the founder and ordinary members. However, in the absence of a quorum another meeting shall be convened after fifteen (15) days and decisions may be taken by the absolute majority present in the Assembly.

Executive Committee

Article 19

The management of the organization's affairs shall be the responsibility of the executive committee. The executive committee shall consist of five (5) members that is a Chairperson, a first Vice Chairperson, a second Vice Chairperson, a Secretary and a Treasurer who shall be elected by the General Assembly.

Article 20

The Executive Committee is appointed by the General Assembly and shall serve for a 3 year term and may be renewed once, after which their mandate will be terminated and a new committee shall be elected.

The members of the executive committee shall not advance their personal interests using the name of the organization.

Article 17

L'assemblée générale est convoquée est dirigée par le président de l'organisation, en cas d'absence, elle est convoquée et dirigée par le premier vice-président ou le second vice-président. En cas d'absence du président et les vices présidents ou dans le cas où ils refusent de convoquer une réunion, l'assemblée générale peut être convoquée par 1/3 des membres fondateurs et adhérents qui choisiront entre eux un président et un secrétaire.

Article 18

Le quorum de la réunion est 2/3 des membres fondateurs et adhérents. Cependant, en cas d'absence du quorum une autre réunion sera convoquée après quinze (15) jours et les décisions peuvent être prises par la majorité absolue des membres présents dans l'assemblée.

Le Conseil D'administration

Article 19

La gestion des affaires de l'organisation est la responsabilité du conseil d'administration. Le conseil d'administration constitue de cinq (5) membres qui sont élus par l'assemblée générale. Le conseil d'administration choisit parmi ses membres, le président, le premier vice-président, le second vice-président, un secrétaire et un trésorier.

Article 20

Le conseil d'administration est élu par l'assemblée générale et servira pour un mandat de trois ans renouvelable une fois, après lequel leur mandat sera mis à termes et un nouveau comité devra être élu.

Les membres de l'assemblée générale ne doivent pas défendre leurs intérêts personnels en utilisant le nom de l'organisation.

Ingingo ya 21

Ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umuyobozi n'uko abitakaza;

Ari inyangamugayo;

Afite imyaka y'ubukure;

Kuba atarahamwe n'icyaha cya jenocide, icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura n'icyo gukururra amacakubiri;

Atarakatiwe ku buryo budashidikanywaho igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenzeamezi atandatu kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa.

Afite uburambe budashidikanywaho mu kuyobora imiryango ishingiyeye ku idini rya gi Kirisitu ihuje amatwara n'umuryango.

Agaragaza ubwitange n'umurava bidashidikanywaho mu murimo w'umuryango

Perezida w'inama y'ubutegetsi niwe uhagararira umuryango, naho ba Visi Perezida bakaba abasimbura be mu buryo bakurikirana.

Umuyobozi w'umuryango ashobora gutakaza ubuyobozi bw'umuryango ari uko:

Apfuye cyangwa amugaye ku buryo atagishoboye kubahiriza inshingano ze.

Bigaragaye ko yacunze nabi umuryango ku buryo butemewe (guteshuka ku nshingano ze)

Bigaragaye ko yahamwe n'icyaha kimuviramo igifungo kirengeje amezi atandatu (6)

Kutubahiriza aya mategeko n'amahame shingiro ya gikirisitu

Asezeye ku bushake akabimenyesha Inteko rusange nibura amezi atatu (3) mbere.

Article 21

Criteria for being a leader and loss of leadership;

Be a person of Integrity

Be of a majority age

Have not been sentenced for the crime of genocide, genocide ideology, discrimination and sectarianism;

Have not been definitively sentenced to a main penalty of imprisonment of not less than six(6) months which is not crossed by amnesty or rehabilitation.

Have proven longer term experience in managing relevant religious based organizations.

Demonstrate uncontested dedication and commitment to the work of the organization;

The chairperson of the Executive committee shall act as the Legal representative of the organization, in all matters and in his absence, the first vice chairperson or the second vice chairperson in this order.

The Chairperson/Legal representative of the organization shall lose the leadership upon:

Death or proven incapacitation

Proven gross mismanagement of the organization

Proven criminal responsibility resulting in a punishment of more than six (6) months imprisonment

Breach of the provisions of the present constitution and the key principles of Christianity

Voluntary resignation with a prior notice of 3 months.

Article 21

Les criteres pour etre et pour perdre la qualite de dirigeant ;

Etre une personne integre ;

Avoir atteint l'âge de la majorité ;

N'avoir pas été condamné pour crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination et de divisionnisme ;

N'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement supérieure ou égale à six(6) mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation.

Avoir une expérience prouvée à administrer une organisation basée sur une certaine religion ;

Etre volontairement engagé à travailler durement pour l'organisation ;

Le président du conseil d'administration servira comme le représentant légal de l'organisation dans toutes les affaires et en cas de son absence, le premier vice-président ou le second vice-président dans cet ordre.

Le Président/Représentant Légal sera muni de ses attributions pour de raisons de:

Décès ou incapacité prouvée

Mauvaise gestion de l'organisation

En cas de culpabilité lui condamnant a un emprisonnement dépassant six (6) mois

En cas de non-respect de ce statut et celui des principes chrétiens

Démission volontaire communiquée à l'assemblée générale au moins trois (3) mois avant.

Ingingo ya 22

Inshingano z'inama y'ubutegetsi ni:

Gutegura amategeko yihariye y'umuryango no kuyashyikiriza inteko rusange kugirango iyemeze

Kubahiriza ibyemezo by'Inteko Rusange.

Gushyikiriza Inteko Rusange raporo y'ibyakoze, ibiteganywa n'uko imari yakoreshejwe.

Gushyikiriza Inteko Rusange imihindukire ya ngombwa mu mategeko agenga umuryango n'ayumwihariko.

Kwakira impano cyangwa imfashanyo zigenewe umuryango ikabimenyeshya inteko rusange.

Gutegura Inteko Rusange

Kubahiriza uburenganzira w'abanyamuryango

Gucunga umutungo w'umuryango.

Ingingo ya 23

Inama y'ubutegetsi iterana nibura rimwe mu mezi atatu n'igihe cyose bibaye ngombwa itumiwe na Perezida wayo.

Iyo Perezida adahari, inama ishobora gutumirwa ikayoborwa n'umwungirije wa mbere cyangwa uwa kabiri igihe uwa mbere adahari.

Kugirango inama ishobore guterana hagomba nibura kuba hari bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Ibyemezo by'inama bifatwa mu bwiganze busesuye bw'amajwi y'inama y'ubutegetsi. Inzandiko zitumira inama zigaragaza ibizigwa, zoherezwa abayigize hasigaye nibura iminsi 15 ngo inama iterane.

Article 22

The duties of the Executive Committee shall be:

To draw the byelaws of the organization and present the same to the general assembly for approval.

To implement the decisions of the general assembly.

To submit a report of activities undertaken and a plan for future activities as well as financial report.

To make proposals to the general assembly regarding modifications of the constitution and byelaws of the organization.

To receive any donations or assistance rendered to the organization and to present the same to the general assembly.

To make the necessary arrangements for the convention of the general assembly.

To guarantee the respect of the rights of the members.

To manage the finances and other assets of the organization.

Article 23

The Executive Committee shall convene every three months or any other time when the Chairperson deems it necessary.

In the absence of the Chairperson, the first vice chairperson or the second vice chairperson may convene the meeting and chair it.

The quorum for the meeting shall be two thirds (2/3) of the members.

The decisions shall be taken by the absolute majority vote of the executive committee. All notices inviting the members shall include the agenda for the meeting and shall always be sent to the members 15 days in advance.

Article 22

Les attributions du conseil d'administration:

Proposer le règlement d'ordre intérieur de l'organisation et le soumettre à l'assemblée générale pour approbation.

Exécuter les décisions de l'assemblée générale.

Soumettre à l'assemblée générale les rapports d'activités à entreprendre et le plan d'action ainsi que les rapports financiers.

Proposer à l'assemblée générale les modifications aux statuts et au règlement d'ordre intérieur.

Recevoir n'importe quel don ou le soutien donné à l'organisation et les présenter à l'assemblée générale.

Faire les arrangements nécessaires pour convoquer l'assemblée générale.

Garantir le respect des droits des membres.

Gérer les finances et autres propriétés de l'organisation.

Article 23

Le conseil d'administration tient des réunions une fois dans trois mois. Il peut aussi tenir des réunions chaque fois que le président le juge nécessaire.

En cas d'absence du président, le premier vice-président ou le second vice-président peut convoquer et diriger une réunion.

Le quorum pour la réunion est deux tiers (2/3) des membres.

Les décisions sont prises par la majorité absolue des voix du conseil d'administration. Toutes les lettres d'invitation des membres doivent contenir l'ordre du jour de la réunion et doivent être envoyées aux membres 15 jours avant la tenue réunion.

Ubunyamabanga Buhoraho

Ingingo ya 24

Hashyizweho ubunyamabanga buhoraho bushinzwe ihuzabikorwa by'umuryango. Buzayoborwa n'Umunyamabanga Mukuru afashijwe n'abandi bakozi nkuko bazagenwa n'inama y'ubuyobozi. Umunyamabanga Mukuru niwe munyamabanga wa Komite Nyobozi akaba n'umwe mu bayigize

Ingingo ya 25

Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango ashinzwe:

Gukurikirana ibikorwa bya buri munsu by'umuryango

Ubunyamabanga bw'Inteko Rusange n'ubw'Inama y'Ubutegetsi

Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange n'iby'Inama y'Ubutegetsi

Gutegura ingengo y'imari ya buri mwaka no kuyishyira mu bikorwa

Gushyikiriza inama y'ubutegetsi raporo y'ibyakoze mu mwaka ushize, n'ibiteganywa gukorwa umwaka utaha, n'uko imari yakoreshejwe

Gushyira mu bikorwa izindi nshingano zose ahawe n'inama y'ubutegetsi cyangwa n'Inteko Rusange.

Komite Ngenzunzi

Ingingo ya 26

Inteko rusange itora abanyamuryango batatu bo kujya mu kanama ngenzuramutungo. Inshingano zabo ni ukugenzura ikoresha ry'amafaranga hamwe n'umutungo w'umuryango no guha raporo inteko rusange.

Permanent Secretariat

Article 24

There is hereby established a permanent secretariat for the organization which shall be charged with responsibility of collection and exchange of information within the network. It shall be headed by a Secretary General and such other number of support staff as shall be determined by the executive committee. The Secretary General shall be a member of the Executive Committee and shall serve as secretary to the committee.

Article 25

The Secretary General shall be responsible for:

Supervising the day to day running of the organization

Rendering secretarial services to the general assembly and executive committee

Ensuring implementation of the decisions of the general assembly and those of the executive committee

Preparing annual budget and to implement it

Presenting the accounts of the organization and a report of all other activities of the organization for the previous year and the budget proposals and action plans for the following year to the executive committee

Carrying out any other duties as may from time to time be assigned to him/her by the executive committee or the General Assembly

Audit Committee

Article 26

The General Assembly shall elect three members to be on the Audit committee and whose duties shall be to monitor the utilization of the finances and assets of the organization and present a report to the General Assembly.

Secrétariat Permanent

Article 24

Il est ainsi établi le secrétariat permanent de l'organisation qui a la responsabilité de collecter et échanger les informations dans le réseau. Il est dirigé par le secrétaire général et d'autres membres du personnel pour l'aider, ces membres du personnel sont sélectionnés suivant la décision du conseil d'administration. Le secrétaire général est le membre du conseil d'administration et il est le secrétaire de ce conseil d'administration.

Article 25

Le secrétaire général est chargé de:

Faire de jour à jour la supervision de l'organisation

Faire les services de secrétariat à l'assemblée générale et au conseil d'administration

Veiller à l'exécution des décisions de l'assemblée générale et celles du conseil d'administration

Préparer le budget annuel et le mettre en exécution

Présenter les comptes de l'organisation et un rapport pour toutes les autres activités de l'organisation de l'année écoulée et proposer le budget et le plan d'action de l'année suivante au conseil d'administration

Exercer tous autres devoirs donnés à lui/elle par le conseil d'administration ou l'assemblée générale.

Le comité d'audit

Article 26

L'assemblée générale élit trois membres pour être dans le comité d'audit. Leurs attributions est de contrôler l'utilisation du patrimoine et des finances de l'organisation et de présenter le rapport à l'assemblée générale.

Gukemura amakimbirane

Ingingo ya 27

Inteko rusange itora abantu 3 bagize urwego rwo gukemura amakimbirane, bagatorerwa igihe cy'imyaka 3.

Urwo rwego rushinzwe gukemura impaka cyangwa amakimbirane byavutse mu muryango.

Mu gihe amakimbirane adakemutse cyangwa umwe mu banyamuryango ntanyurwe n'uburyo impaka zakemuwe, hitabazwa urukiko rubifitiye ububasha.

Umutwe wa IV: Umutungo w'Umuryango.

Ingingo ya 28

Umuryango ushobora kugira imitungo yimukanwa cyangwa itimukanwa, kugirango ushobore kugera ku ntego zawo.

Ingingo ya 29

Umutungo w'Umuryango uturuka ku byacumi n'amaturu y'abanyamuryango, impano cyangwa se imirage

Umutwe wa V: Guhindura amategeko, gusesa umuryango.

Ingingo ya 30

Ihinduka ry'aya mategeko rigomba gushyirwa ku murongo w'ibyigwa n'Inteko Rusange kandi ibihindurwa bikoherezwa abanyamuryango nibura hasigaye ukwezi ngo inama iterane. Ihindurwa ryemezwa kubwiganze busesuye bw'abanyamuryango bateraniye mu Nteko Rusange.

Ingingo ya 31

Igihe umuryango usheshwe, hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango nyarwanda utari

Conflict Resolution

Article 27

The General Assembly elects the 3 members of the conflict resolutions organ for a 3-year mandate.

The conflict resolution organ is responsible of conflict management in the organization

In case the conflict management fails or one of the organization members in concern is not satisfied with the resolution, the case is filed to the competent courts.

Chap IV: Finances and Assets of the organization

Article 28

The organization may acquire movable or immovable property necessary to achieve its objectives.

Article 29

The members' tithes and offerings, donations and inheritances constitute the resources of the organization.

Chap V: Modification of the constitution, dissolution and liquidation of the organization

Article 30

Any modification to this constitution shall be debated by the General Assembly. The proposals for modifications shall be passed on to all members one month before the meeting. Such modifications shall be adopted if the absolute majority of the members vote in support of it.

Article 31

In case of dissolution of the organization and after having made the inventory of its movable and immovable assets and refunded any debt, the remaining assets shall be donated to another Rwandan non-

Resolution des conflits

Article 27

L'Assemblée Générale elut 3 membres de l'organe de résolution des conflits pour un mandat de 3 ans.

L'organe de resolution des conflits a pour mission de résoudre les conflits qui peuvent parvenir dans l'organisation

Au cas où la résolution des conflits n'est pas atteinte ou l'un des membres de l'organisation n'est pas satisfait avec la solution, on fait recours au tribunal competent.

Chapitre IV: Les finances et le patrimoine de l'organisation

Article 28

L'organisation peut posséder les biens mobiliers ou immobiliers nécessaires pour réaliser ses objectifs.

Article 29

Les ressources de l'organisation proviennent des dîmes et offrandes des membres, dons et héritages.

Chapitre V: Modification des statuts, la dissolution et la liquidation de l'organisation

Article 30

Toute modification à cette constitution sera décidée par l'Assemblée Générale. Les propositions pour les modifications seront transmises à tous les membres un mois avant la réunion. Les telles modifications seront adoptées par la majorité absolue du vote des membres.

Article 31

En cas de dissolution de l'organisation, et après avoir fait l'inventaire de tous les avoirs mobiliers et immobiliers, et payé toute dette due, les avoirs qui restent seront donnés à une organisation rwandaise non-

uwa Leta.

government organization.

gouvernementale.

Ingingo ya 32

Ibidateganywa byose muri aya mategeko bizagengwa n'amategeko akurikizwa mu Rwanda yerekeye imiryango ishingiyeye ku idini, cyangwa n'amabwiriza yihariye y'umuryango.

Article 32

Any matters not catered for in this constitution shall be governed by the laws for the time being governing religious based organizations in Rwanda and by the Internal Regulations of the organization.

Article 32

Pour tout ce qui n'est pas précisé dans les présents statuts de l'organisation, on se réfère à la législation en vigueur de la République du Rwanda relative aux organisations sans but lucratif et au règlement d'ordre intérieur de l'organisation.

Byemerejwe i Kigali, ku wa 12/01/2013

Adopted at Kigali, on 12/01/2013

Fait à Kigali, le 12/01/2013

Umuyobozi mukuru
Muhumuza Kakungulu
(sé)

President
Muhumuza Kakungulu
(sé)

Président
Muhumuza Kakungulu
(sé)

Umuyobozi wungirije wa mbere
Rwigyema Yvonne Kiro Kiro
(sé)

First Vice President
Rwigyema Yvonne Kiro Kiro
(sé)

Premier Vice Présidente
Rwigyema Yvonne
(sé)

Umuyobozi wungirije wa Kabiri
Ndahiro Moses
(sé)

Second Vice President
Ndahiro Moses
(sé)

Deuxieme Vice Présidente
Ndahiro Moses
(sé)

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'UMURYANGO USHINGIYE KWIDINI "MISSION RESTORE INTERNATIONAL (MRI) & PRAYER PALACE CHURCH"-UMURYANGO UGAMIJE KUBWIRIZA UBUTUMWA BWIZA BWA YESU KRISTU YO KUWA 12/01/2013

Kuwa 12/01/2013, Inama idasanzwe y'Umuryango ushingiyeye kwidini- "MISSION RESTORE INTERNATIONAL (MRI) & PRAYER PALACE CHURCH"- UMURYANGO UGAMIJE KUBWIRIZA UBUTUMWA BWIZA BWA YESU KRISTU yarateranye.

Ku murongo w'ibyigwa hari:

- 1. Kwemeza amategeko-shingiro**
- 2. Gutora inzego z'ubuyobozi: Komite Nyobozi, Ngenzuzi n'urwego nkemurampaka**

Hamaze kwigwa ingingo kuyindi, inama yafashe imyanzuro ikurikira:

- Amategeko y'umuryango yaremejwe
- Abatowe kuri Komite- Nyobozi y'umuryango naba bakurikira:
 - MUHUMUZA Kakungulu Umuyobozi mukuru w'umuryango numero y'indangamuntu: 1198380172984037
 - RWIGYEMA Yvonne Kiro Kiro Umuyobozi wungirije wa mbere numero y'indangamuntu: 1198870200858088
 - NDAHIRO Moses Umuyobozi wungirije wa kabiri numero y'indangamuntu: 1198180144213028
 - GATETE Richard Umunyamabanga mukuru numero y'indangamuntu: 1198080011741033
 - KAREGA Titian Umubitsi w'umuryango numero y'indangamuntu: 1198080010469048
- Abatowe kuri Komite- Ngenzuzi naba bakurikira:
 - MUTESI Jeannette numero y'indangamuntu: 1196670001491099
 - RUTAHA Elijah numero y'indangamuntu: 1197980038552001
 - MUTESI Lillian numero y'indangamuntu: 1198570010542033
- Abatowe kuri Komite-Nkemurampaka naba bakurikira:
 - BOSSA R.F Godfrey Perezida numero y'indangamuntu: 1196780061461242
 - SIBOMANA David Visi Perezida numero y'indangamuntu: 1197980012182173
 - GATETE Vincent Umwanditsi numero y'indangamuntu: 1197880012104062
- Abanyamuryango basabye ko abatowe muri Komite- Nyobozi, Ngenzuzi n'Urwego Nkemurampaka bahagararira abanyamuryango bose nka abanyamuryango bawushinze.

Inama yatangiye saa yine n'igice za mugitondo (10h30) irangira saa munani n'igice z'umugoroba (14h30).

Bikorewe i Kigali kuwa 12/01/2013

Umwanditsi w' inama
GATETE RICHARD (sé)

Umuyobozi w'inama
MUHUMUZA KAKUNGULU (sé)

INDAHIRO Y'ABAHAGARARIYE UMURYANGO USHINGIYE KWIDINI "MISSION RESTORE INTERNATIONAL (MRI) & PRAYER PALACE CHURCH (PPC) – UMURYANGO UGAMIJE KUBWIRIZA UBUTUMWA BWIZA BWA YESU KRISTU"

Twebwe, **MUHUMUZA Kakungulu**, Umuyobozi mukuru w'Umuryango, **RWIGYEMA Yvonne Kiro Kiro**, Umuyobozi wungirije wa mbere w'Umuryango, na **NDAHIRO Moses**, Umuyobozi wungirije wa Kabiri w'Umuryango, nitwe duhagarariye umuryango "MISSION RESTORE INTERNATIONAL (MRI) & PRAYER PALACE CHURCH (PPC) – UMURYANGO UGAMIJE KUBWIRIZA UBUTUMWA BWIZA BWA YESU KRISTU".

Tukaba twaratowe n'Inama y'Inteko Rusange y'abagize Umuryango mu nama yo kuwa 12/01/2013

Bikorewe i Kigali, kuwa 12/01/2013

MUHUMUZA Kakungulu- Umuyobozi mukuru w'Umuryango

(sé)

RWIGEMA Yvonne Kiro Kiro- Umuyobozi wungirije wa mbere w'Umuryango

(sé)

NDAHIRO Moses - Umuyobozi wungirije wa Kabiri w'Umuryango

(sé)

URUTONDE RW'ABASHINZE UMURYANGO

S/Nº	AMAZINA	NOMERO Y'INDANGAMUNTU	UMUKONO
1	BOSSA R.F GODFREY	1196780061461242	(sé)
2	SIBOMANA DAVID	1197980012182173	(sé)
3	GATETE VINCENT	1197880012104062	(sé)
4	MUTABARUKA THERESE	1195270001432082	(sé)
5	KABAYIZA RUBEGA ISIE	1196680000929028	(sé)
6	MUHIRWA JEAN CLAUDE	1197280007105038	(sé)
7	UMUTONI ANGELIQUE	1197970008914012	(sé)
8	MUHUMUZA KAKUNGULU	1198380172984037	(sé)
9	RWIGYEMA YVONNE KIRO KIRO	1198870200858088	(sé)
10	NDAHIRO MOISE	1198180144213028	(sé)
11	GATETE RICHARD	1198080011741033	(sé)
12	KAREGA TICIAN	1198080010469048	(sé)
13	UMUTESI JEANNETTE	1196670001491099	(sé)
14	UMUTESI LILIANNE	1198570010542033	(sé)
15	RUTAHA ELIJAH LUTAAYA	1197980038552001	(sé)
16	MUHIZI JULIUS	1197380088960056	(sé)
17	BAHIGI CLAUDE	1197680008463029	(sé)
18	RUTERANA HASSAN	1107080009595162	(sé)
19	NYARWAYA ROBERT	1198380010602074	(sé)
20	MUKANDAHIRO DOROTHY	1198270025437047	(sé)
21	KOMURANGO JANET	1196970004096033	(sé)
22	NZAYISENGA OLIVE	1198070012462025	(sé)

REPUBLIKA Y'U RWANDA
UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA GASABO

Gasabo, kuwa 23/03/2007
Réf : 429/07 0102/07

Bwana Godfrey SEKYONDWA
Umurenge wa REMERA
Umujyi wa KIGALI

Impamvu : Guhabwa ubwenegihugu nyarwanda

Bwana,

Nshingiye ku Itegeko-Ngenga n°29/2004 ryo kuwa 03/12/2004, ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda mu ngingo zaryo, iya 9 n'ya 10, maze gusuzuma kandi ibya ngombwa bisabwa watanze n'impamvu wagaragaje kugira ngo usaba ubwenegihugu nyarwanda ashobore kubuhabwa, cyane cyane ibyerekeye uburyo bwo gusaba ubwenegihugu nyarwanda ku munyamahanga washyingiranywe n'umunyarwandakazi mbere y'iyubahirizwa ry'Itegeko-Ngenga n°29/2004 ryo kuwa 03/12/2004 ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda, nk'uko biteganywa n'Iteka rya Minisitiri n° 74/11 ryo kuwa 31/08/2005 rishyiraho uburyo ubwenegihugu nyarwanda butangwa n'uko busabwa mu ngingo zaryo, iya 11, iya 12, iya 21 n'ya 22 ;

Mpereye kandi ku ngingo ya 13 y'Iteka rya Minisitiri ryavuzwe hejuru, iteganya ko mu gihe cy'amezi atandatu atangira kubarwa uherye igihe bamenyesherejwe isaba ry'ubwenegihugu, abategetsu b'aho usaba atuye, Serivisi ishinzwe Abinjira n'Abasohoka ndetse na Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze, bashobora gutambamira itangwa ry'ubwenegihugu nyarwanda bw'umunyamahanga washyingiranywe n'umunyarwanda kubera ko afite amakemwa;

Maze kubona ko nyuma y'icyo gihe giteganyijwe, nta ntambanyi iyo ari yo yose yigeze igaragara yabuza ko uhabwa ubwenegihugu wasabye;

Nkwandikiye nkumenyesha ko uhawe ubwenegihugu nyarwanda uherye tariki ya **06/03/2007**.

Ugire amahoro.

Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo
NYINAWAGAGA Claudine
(sé)

Bimenyeshajwe :

- Minisitiri w'Ubutabera
- Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Umuyobozi wa Serivisi ishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa REMERA

Kigali

**ICYEMEZO N°RCA/0724/2014 CYO KUWA 19/08/2014 GIHA
UBUZIMAGATOZI « RUTSIRO AGRO DEALERS COOPERATIVE»
(RADCO)**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **RADCO** » ifite icyicaro i Nkomero, Umurenge wa Ruhango, Akarere ka Rustiro, Intara y'Iburengerazuba,

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**RADCO**» ifite icyicaro i Nkomero, Umurenge wa Ruhango, Akarere ka Rustiro, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**RADCO**» igamije guteza imbere ubucuruzi bw'inyongeramusaruro z'ubuhinzi n'ubworozi. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**RADCO**» itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 19/08/2014

(Sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA/0975/2014 CYO KUWA 20/11/2014 GIHA UBUZIMAGATOZI « IBAKWE MOTARD COOPERATIVE NYARUGENGE» (IMCN)

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **IMCN**» ifite icyicaro mu Murenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali ;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**IMCN**» ifite icyicaro mu Murenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**IMCN**» igamije gutanga serivise zijyanye no gutwara abagenzi hakoreshajwe amapikipiki (Motos). Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**IMCN**» itegegetswe gutangaza iki cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 20/11/2014

(Sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA/0995/2014 CYO KUWA 26/11/2014 GIHA UBUZIMAGATOZI «IHURIRO RY'AMAKOPERATIVE ACURUZA AKANONGERERA AGACIRO UMUSARURO W'UBUHINZI» (IKOZAMUBU)

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida w'Ihuriro « **IKOZAMUBU** » rifite icyicaro i Nyamata, Umurenge wa Nyamata, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Ihuriro «**IKOZAMUBU**» rifite icyicaro i Nyamata, Umurenge wa Nyamata, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, rihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Ihuriro «**IKOZAMUBU**» rigamije guteza imbere ubucuruzi bw'imyaka, kongerera agaciro umusaruro w'ubuhinzi no kurengera inyungu z'abanyamuryango b'Amakoperative arigize. Ntiryemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi riherewe ubuzimagatozi keretse ribanje kubisaba rikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Ihuriro «**IKOZAMUBU**» ritegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) rikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 26/11/2014

(Sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA/0992/2014 CYO KUWA 24/11/2014 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « TUZAMURANE RURAMIRA»

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **TUZAMURANE RURAMIRA**» ifite icyicaro mu Kagali k’Umubuga, Umurenge wa Ruramira, Akarere ka Kayonza, Intara y’Iburasirazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**TUZAMURANE RURAMIRA**» ifite icyicaro mu Kagali k’Umubuga, Umurenge wa Ruramira, Akarere ka Kayonza, Intara y’iburasirazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**TUZAMURANE RURAMIRA**» igamije gutanga serivisi z’ubujyanama bw’ubuzima no guteza imbere ubworozi bw’inkoko. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**TUZAMURANE RURAMIRA**» itegegetswe gutangaza iki cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 24/11/2014

(Sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA/1006/2014 CYO KUWA 28/11/2014 GIHA UBUZIMAGATOZI «COOPERATIVE D'ELEVAGE MODERNE ET DE TRANSFORMATION» (COEMOTRA)

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **COEMOTRA** » ifite icyicaro i Buhaza, Umurenge wa Rubavu, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba,

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**COEMOTRA**» ifite icyicaro i Buhaza, Umurenge wa Rubavu, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**COEMOTRA**» igamije guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi (ingurube) no gutunganya umusaruro w'ibiyakomokaho. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**COEMOTRA**» itegegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 28/11/2014

(Sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA/0987/2014 CYO KUWA 24/11/2014 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE «TWITEGANYIRIZE KAGEYO»

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **TWITEGANYIRIZE KAGEYO**» ifite icyicaro i Kageyo, Umurenge wa Mwili, Akarere ka Kayonza, Intara y'Iburasirazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**TWITEGANYIRIZE KAGEYO**» ifite icyicaro i Kageyo, Umurenge wa Mwili, Akarere ka Kayonza, Intara y'Iburasirazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**TWITEGANYIRIZE KAGEYO**» igamije gutanga serivisi z'ubujyanama bw'ubuzima no guteza imbere ubucuruzi bw'ibiribwa n'ubuconco. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihere uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Icyemezo No RCA/0856/2011 cyo kuwa 10 Ukwakira 2011 kivanyweho.

Ingingo ya 4:

Koperative «**TWITEGANYIRIZE KAGEYO**» itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 24/11/2014

(Sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA/0998/2014 CYO KUWA 27/11/2014 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE «DUTERANINKUNGA MU BUZIMA»

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **DUTERANINKUNGA MU BUZIMA**» ifite icyicaro i Nyakabungo, Umurenge wa Mwili, Akarere ka Kayonza, Intara y’iburasirazuba;

YEMEJE:

Ingingo va mbere:

Koperative «**DUTERANINKUNGA MU BUZIMA**» ifite icyicaro i Nyakabungo, Umurenge wa Mwili, Akarere ka Kayonza, Intara y’iburasirazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo va 2:

Koperative «**DUTERANINKUNGA MU BUZIMA**» igamije gutanga serivisi z’ubujyanama bw’ubuzima no guteza imbere ubworozi bw’ingurube. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo va 3:

Koperative «**DUTERANINKUNGA MU BUZIMA**» itegegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 27/11/2014

(Sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N°RCA/0937/2014 CYO KUWA 06/11/2014 GIHA
UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE «TURWANYE NYAKATSI»**

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezidante wa Koperative « **TURWANYE NYAKATSI**» ifite icyicaro i Mashya, Umurenge wa Muhanda, Akarere ka Ngororero, Intara y’Iburengerazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**TURWANYE NYAKATSI**» ifite icyicaro i Mashya, Umurenge wa Muhanda, Akarere ka Ngororero, Intara y’Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**TURWANYE NYAKATSI**» igamije guteza imbere ububumbyi bw’amatafari n’amategura. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**TURWANYE NYAKATSI**» itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 06/11/2014

(Sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative